IMYANZURO Y'INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU GUHANGANA NA RUSWA, INZITIZI ZIKIGARAGARA N'INGAMBA ZAFATWA YO KU WA 17 GASHYANTARE 2017 YATEGUWE NA APNAC-RWANDA

Ku wa 17 Gashyantare 2017, mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, mu cyumba cy'inama z'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite habereye inama nyunguranabitekerezo ku guhangana na ruswa, inzitizi zikigaragara n'ingamba zafatwa, yateguwe na APNAC-RWANDA (Ihuriro ry'abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda baharanira kurwanya ruswa, rikaba rishamikiye ku Ihuriro ry'Abagize Inteko Zishinga Amategeko Nyafurika ryo kurwanya ruswa (African Parliamentarians' Network against Corruption-APNAC).

Inama yatangijwe na Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite Nyakubahwa MUKABALISA Donatille , wibukije impamvu y'iyi nama nyunguranabitekerezo n'umusaruro uyitegerejweho. Iyi nama yitabiriwe n'abayobozi b'inzego zinyuranye barimo Abaminisitiri, Abasenateri, Abadepite, Abahagarariye inzego z'umutekano, Abaguverineri, Abayobozi b'Ibigo bya Leta n'iby'Abikorera, Abayobozi b'Uturere, Urwego rw'umuvunyi, Urwego rw'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, Imiryango itari iya Leta irwanya ruswa n'akarengane n'abandi...

Muri iyi nama hatanzwe ibiganiro bitatu bikurikira:

<u>Ikiganiro cya I</u>: ***Aho ruswa yiganje, intera igezeho ndetse n'uburyo bushya mu kuyitanga no kuyakira.***

Icyo kiganiro cyagarutse kuri ibi bikurikira:

- Kugaragaza intera ya ruswa mu Rwanda ugereranyije n'ibihe bishize;
- Kugaragaza by'umwihariko inzego zibasiwe na ruswa;
- Kugaragaza amayeri mashya akoreshwa mu gutanga no kwakira ruswa.

Icyo kiganiro cyatanzwe na PAC, Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru bwa Repubulika y'u Rwanda (NPPA) na Polisi y'Igihugu (RNP).

<u>Ikiganiro cya II</u>: ***Inzitizi mu kurwanya ruswa n'icyakorwa kugira ngo irandurwe burundu.***

Icyo kiganiro cyagarutse kuri ibi bikurikira:

- Kugaragaza inzitizi cyangwa ibyuho mu kurwanya ruswa muri rusange, mu mategeko, mu nzego zifite mu nshingano kurwanya ruswa ndetse no mu mikoranire y'inzego;

- Kugaragaza icyakorwa mu buryo bufatika mu gukuraho izo nzitizi.

Icyo kiganiro cyatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi, Transparency International-Rwanda n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta.

<u>Ikiganiro cya III</u>*: Indagagaciro z'Umuco nyarwanda nk'Umusemburo wo guca Imitekerereze, imikorere n'imyitwarire byemera ruswa.*

Icyo kiganiro cyagarutse kuri ibi bikurikira:

- Kugaragaza imigenzereze igaragaramo ruswa hifashishijwe umuco nyarwanda;
- Kugaragaza indangagaciro ziri mu muco nyarwanda zakwifashishwa mu kurwanya ruswa ndetse n'uburyo zakwinjizwa mu mikorere.

Icyo kiganiro cyatanzwe na Minisiteri y'Umuco na Siporo, Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco n'Itorero ry'Igihugu.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, abitabiriye inama basanze hari ibyagezweho bikwiye gushimwa n'ibikigaragaramo ibibazo bikwiye kurushaho kwitabwaho mu rwego rwo gukomeza guhangana na ruswa n'ibyaha biyishamikiyeho.

2. Ibishimwa

- Hari ubushake bwa politiki mu kurwanya no kurandura ruswa;
- Hashyizweho amategeko n' inzego byo kurwanya ruswa
- U Rwanda ruhagaze neza mu kurwanya ruswa mu rw'Akarere, muri Afurika no kw'Isi;
- Inzego zishyinzwe kurwanya ruswa zashyizeho uburyo buhoraho bw'ubukangurambaga mu kurwanya ruswa;
- Abagaragayeho ibyaha bya ruswa barakurikiranwa bagahanwa;

2. Ahakigaragara ibibazo

Ku bijyanye n'imiterere y'ibyaha bya ruswa n'inzitizi zikigaragara, n'ingamba zafatwa, haracyagaragara ibibazo bikurikira:

- Itangwa rya ruswa rigenda rihinduranya isura;
- Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga n'imbuga nkoranyambaga mu gutanga ruswa no kuyakira;
- Itangwa ry'amakuru kuri ruswa rikiri ku kigero cyo hasi;

- Imyumvire y’abaturage ku miterere ya ruswa n’uburyo bwo guhangana nayo bikiri hasi;
- Uburyo butanoze bwo kurinda abatanga amakuru kuri ruswa (corruption whistleblowers);
- Icyuho mu mategeko ahana ruswa;
- Umuco wo kurebera, guhishira no gukingira ikibaba abakekwaho n’abagaragaweho ibikorwa bya ruswa;

Ibyifuzo nama by’inama nyungurana bitekerezo
Imirongo migari

No	INZITIZI	IBYIFUZO - NAMA	Urwego ruzawushyira mu bikorwa	Igihe ntarengwa
1	Amasezerano arimo ibyuho (loopholes/vides) mu mitegurire (forme) n'imiterere (fond) yayo -Gutinda gusinya amasezerano/gusiragiza uwatsindiye isoko kugira ngo *yibwirize* -Guha isoko uwaciye amafaranga make noneho nyuma akazahabwa amasezerano y'inyongera (avenants/addendum) menshi kandi mu buryo budasonbanutse	*Kunoza uburyo bw'imitangire y'amasoko ya Leta hategurwa neza amasezerano yayo mu rwego rwo kwirinda gusiragiza uba yatsindiye isoko hagamijwe kumwaka ruswa;*	MINECOFIN na MINIJUST	June 2017
2	Amakosa agaragara mu itangwa ry'amasoko atarashyizwe mu mategeko ahana y'u Rwanda kandi arimo ibyuho bya ruswa; Kwanga kumenyekanisha umutungo bidafatwa nk'icyaha; Kuba abantu babona imishinga ya Leta ishyirwa mu bikorwa nabi, bagaceceka (imihanda ikorwa nabi, amazu ya Leta yubakwa nabi, gahunda zigamije guteza imbere abaturage: VUP, ubudehe, girinka ….); **Kudatanga amakuru ku basabwe ruswa** Ibihano bito kuri ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo bidatinyisha abantu gukora ibyo byaha;	*Gushyiraho uburyo bwo kunoza amategeko y'u Rwanda kugira ngo agaragaze umwimerere wayafasha kurandura ruswa ku buryo bukurikira:* • *Gushyira mu mategeko ahana y'u Rwanda icyaha kijyanye no kwanga kugaragaza umutungo;* • *Guhana ku buryo bumwe abagaragayeho icyaha cya ruswa n'abageregeje kubahishira cyangwa kubakingira ikibaba;* • *Gushyira mu itegeko uburyo bwo gucungira umutekano, guha agahimbaza musyi uwatanze amakuru kuri ruswa no gukura uburyozwe bw'icyaha k'uwagize uruhare muri ruswa ariko akiyemeza kuyikurikirana no kwegeranya ibimenyetso;* • *Gushyira mu mategeko ahana y'u Rwanda amakosa yo kutubahiriza nkana amabwiriza agenga imitangire y'amasoko ya Leta no*	MINIJUST	June 2017

	Kuba icyaha cya ruswa ndetse n'igihano cyayo bisaza mu gihe gito; Kutubahiza amategeko agenga amasoko ya Leta no kudaha inyandiko z'ibaruramari umugenzuzi mukuru w'imari ya leta ntibiri mu mategeko ahana y'u Rwanda **Mu Itegeko Ngenga rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana mu Rwanda, gucunga nabi umutungo wa Leta ntabwo byashyizwemo nk'icyaha ku bakozi ba Leta.**	*kunanirwa kugaragaza inyandiko z'ibaruramari n'icungamutungo ku mugenzuzi w'imari ya Leta;* • *Kongera ibihano ku byaha bya ruswa, kuyishyira mu byaha bidasaza no kutavanaho isubikagihano ku bahamwe n'ibyaha bya ruswa;* • *Gushyira mu mategeko ahana y'u Rwanda ikosa ryo gucunga nabi umutungo wa Leta*		
3	**Reseaux/Networks mu nzego z'ubucamanza**:Abavoka batangira abo bunganira cyangwa abo bahagarariye ruswa ku bacamanza binyujijwe ku banditsi b'inkiko	*Gushyiraho Urwego rw'Ubugenzuzi mu Rugaga rw'Abavoka rukurikirana imyitwarire yabo. Gushyiraho uburyo bw'imikoranire hagati y'ubwo bugenzuzi n'ubugenzuzi bw'ubushinjacyaha, n'ubw'inkiko kugirango bahane amakuru kandi bafatire ingamba hamwe. Gushyira mu itegeko rigenga 'Urugaga rw'Abavoka' ko abantu birukanywe mu nzego z'ubucamanza kubera ruswa cyangwa indi myitwarire mibi batakwinjira mu Rugaga.*	URUGAGA RW'ABAVOKA na MINIJUST	June 2017
4	Gushyirwa kuri 'black list' mu masoko ya Leta, nyuma umuntu agafungura indi sosiyete agakomeza gupiganirwa amasoko. (Ibi biterwa ahanini no kuba	*Gushyira ku rutonde (blacklist) ibigo byagaragayeho ruswa na ba nyirabyo ndetse n'ibindi bigo afite nibyo azafungura mu rwego rwo kwirinda ko uwagaragayeho ruswa yakongera guhabwa amasoko ya Leta mu izina ry'ikindi kigo*	MINIJUST na NPPA	June 2017

	'black list' ikorwa kuri sosiyete ariko ntikorwe ku bantu).			
5	Ingeso yo guhishirana, gukingirana ikibaba na 'zero tolerance policy' itarashinga imizi ku nzego zimwe. Umuntu wakoze amakosa agaragara, bituma akekwaho ruswa, aho guhanwa, agahindurirwa imirimo.	*Guhagarika ku mirimo uwakoze amakosa mu kazi adashidikanywaho atuma haba gukeka ruswa n'ubwo yaba atahamwe n'icyaha*	MIFOTRA	June 2017
6	Imbaraga nke zikigaragara mu kugaruza umutungo ukomoka kuri ruswa cyangwa uwanyerejwe	*Gushyira mu bikorwa ifatira ry'umutungo wifashishijwe cyangwa ukomoka ku cyaha cya ruswa guhera iperereza ritangiye no kuwunyaga igihe nyirawo yahamwe n'icyaha*	MINIJUST	June 2017
7	Ubumenyi budahagije ku birebana na ruswa	*Kwigisha urubyiruko, mu byiciro bitandukanye ku buryo bw'umwihariko, n'ibindi byiciro by'abanyarwanda muri rusange ububi bwa ruswa binyuze mu biganiro n'imfashanyigisho mu burezi ndetse no mu nsengero*	MINEDUC ku bufatanye n'izindi nzego	June 2017
8	**Imikoranire y'inzego:** Kuba *systems* zidahura ngo zihuze amakuru (ku mutungo, ku iyandikisha ry'amasosiyete (RDB), ibigo by'imari, ibijyanye n'imisoro n'amahoro, ibijyanye n'indangamuntu);	*Guhuza systems ku buryo byoroshya kubona amakuru*	PM	June 2017

9	**Kutagira imyumvire imwe ku buremere bwa ruswa ku bashinzwe kuyihana bose (**Agaciro gahabwa ibimenyetso, Imitangire y'ibihano);	*Gushyiraho 'specialization' kuva mu bugenzacyaha kugera mu nkiko*	MINIJUST	June 2017
10	**Imbaraga nke** zikigaragara mu kugaruza umutungo ukomoka kuri ruswa cyangwa uwanyerejwe;	*Gushyira mu bikorwa ifatira ry'umutungo wifashishijwe cyangwa ukomoka ku cyaha cya ruswa guhera iperereza ritangiye no kuwunyaga, kutemerera abahamwe n'icyaha, bagomba kwishyura Leta indishyi n'ihazabu, uburenganzira kuri serivisi zimwe na zimwe mu gihe batarishyura nko: gupiganira amasoko ya Leta, kubona inguzanyo muri banki, gufungura sosiyete y'ubucuruzi, n'ibindi…*	MINIJUST	June 2017
11	**Amasosiyete ashingwa akandikwa ku batari ba nyirayo**	*Gusaba umuntu wandikisha sosiyete kugaragaza inkomoko y'igishoro cye*	RDB	June 2017
12	**Ibigo bya Leta ntabwo byigenzura ngo abakozi bagaragaraho ruswa babe bafatirwa ibihano**	*Gushyiraho uburyo buhoraho bwo kwigenzura (auto evaluation) ku bigo bya Leta n'ibyabikorera hagamijwe kugaragaza no guhana abakozi bagaragayeho ruswa.*	MIFOTRA	June 2017

13	**Uwabaye ikigwari wahamwe na ruswa aracyahabwa icyubahiro muri sosiyete**	*Kugawa mu ruhame no kwimwa icyicaro mu muryango nyarwanda.*	MINISPOC	June 2017
14	**Amafaranga menshi ahererekanywa mu ntoki z'abantu akoroshya itangwa rya ruswa**	*Kwihutisha politiki ya "cashless"*	MINECOFIN	June 2017

Bikorewe i Kigali, ku wa 17 Gashyantare 2017.